# Ahantu Imana Yitoranirije Kuramirizwa

Jeffersonville, Indiana, USA
20 Gashyantare 1965

1 Tube duhagaze akanya gato, kandi twunamishe umutwe ku bw'isengesho. Noneho mu gihe twunamishije umutwe, ndizera, n'imitima yacu, nifuzaga kumenya umubare w'abashaka ko tubibuka mu isengesho kuri uyu mugoroba, ku bw'impamvu idasanzwe. Mwazamura ikiganza gusa muvuga muti: "Yoo Mana, mpa icyo nifuza muri uyu mugoroba." Umwami abahe umugisha.

2 Data uri mu ijuru, nkuko duciye bugufi twegera intebe ikomeye y'Ubwami bw'ubuntu, mu kwizera turegera hakurya aho Imana, Abamarayika, Abakerubi n'ingabo zose zo mu ijuru ziteraniye. Kuko, Yavuze ko nta n'igishwi na kimwe cyangwa hasi Data wo mu ijuru atabizi. Ni kangahe Izi ko amagana y'abantu bunamishije umutwe, bayitabaza ku bw'ibyifuzo bidasanzwe. Data, uyu mugoroba, Itegereze iyi mbaga ikeneye ubufasha, kuko turi ubwoko bukeneye gufashwa.

Kandi ndasenga, Mana, nk'abateraniye hano kandi tugaragaza kwizera tugufitiye, Imana nzima isubiza amasengesho… Twasohotse mu isi y'abatarakebwe imitima n'amatwi, dusohoka kugira ngo tugire imibereho itandukanye, kandi tukabaho twatura kwizera kwacu muri Wowe. Kandi uyu mugoroba, twazamuye ikiganza, tuvuga ko "dukeneye gufashwa."Mana dukunda, subiza buri cyifuzo cyose.

3 Kandi, Data, turagusaba ngo utugenderere muri uyu mugoroba unyuriye mu Ijambo. Tuza hano kugira ngo dukosorwe, dusobanukirwe, kugira ngo tumenye uburyo tugomba kubaho muri iki gihe, icyo tugomba kurebaho, icyo gukora. Kuko tuzi ko kugaruka k'Umwami kwegereje, dukurikije ibimenyetso byose abahanuzi bahanuye. Twegereje icyo gihe, Mwami, aho kubohorwa kuzuye kuzagera ku bana Bawe. Yoo Mana! Reka buri wese muri twe azahabe, Data. Ntihazagire ubura. Ni yo ntego yacu yo kuba hano, Mwami. Turagukunda, kandi turagerageza kwitegura ku bw'iyo saha.

Tuvugishe, turabisabye na none, uyu mugoroba. Kandi ukize abarwayi. Abarwaye bose n'abababaye muri iki cyumba, Turagusabye ngo ubakize, Mwami; kandi by'umwihariko abafite ibyifuzo byo mu mwuka. Turagusaba ngo ukize buri bugingo bwazimiye, ngo wuzuze buri mwizera Umwuka Wera, kandi usubize imbaraga n'ubushobozi mu bana Bawe bizera. Bikore, Data. Turasaba byinshi kuko Watubwiye gusaba, "musabe byinshi, musabe ibintu bikomeye, musabe byinshi", kugira ngo umunezero wacu ushyike. Kandi tubisabye mu Izina rya Yesu Kirisito. Amina.

Mushobora kwicara.

4 Ibi ndabifata neza neza nk'amahirwe akomeye muri uyu mugoroba, kugaruka hano mu kibuga, indi nshuro, muri iri shuri ry'isumbuye, nkahagarara imbere y'aba bantu bakomeye bateraniye hano kumva Ubutumwa. Ndasaba ko ubuntu bw'Imana bumfasha kubabwira Ukuri, icyo nzi nk'Ukuri. Ifite ubushobozi bwo gufunga umunwa w'umuntu, nkuko Yashoboye gufunga uw'intare. Kandi bibaye ko mvuga ikintu cy'ikinyoma kinanyuranye n'ubushake Bwe, isengesho ryanjye nuko Yamfunga umunwa, kugira ngo ntabivuga. Kuko, mu by'ukuri, njye ubwanjye ndifuza kuba mu Ijuru, kandi sinzaba na rimwe… kandi, uretse n'ibyo, naba ndi umuyobozi mubi, umuntu waba ukoze ikintu kibi. Niba narabikoze, ni uko nta kindi nari nzi. Umwami abahe umugisha.

5 Noneho, ejo mu gitondo, niba ari ubushake bw'Imana, nifuzaga kuvuga kuri iri somo, *Gushaka no Gutandukana.* Kandi turizera ko muzaza kandi muzanye amakaramu yanyu n'impapuro. Ntituribufate umwanya munini, ariko nifuzaga gusa… Ni kubw'ibyo mbere na mbere nagarutse hano, muri Indiana, nkuko nari narabibasezeranyije. Kandi nzagerageza ejo mu gitondo. Nintabikora ejo mu gitondo, nzabikora ejo ku mugoroba. Ariko nzagerageza ejo mu gitondo, Umwami nabishaka, kuvuga kuri iri somo, ibitekerezo by'inyingo ebyiri. Kandi Imana idufashe kumenya Ukuri uko ari ko, kumenya gusa Ukuri uko ari ko, kugira ngo dushobore kugendera mu Kuri no mu Mucyo.

6 Muzi, nari mfite incuti yanjye y'umwirabura. "yaravuze ati Mwene Data Billy, sinshaka kugira ibibazo ku mugezi. Aravuga ati: "Ndashaka kwibikaho itike yanjye. Kandi ubwo ifirimbi izavuga, sinshaka kugirira ibibazo hariya. Nasabye Umwami, hashize igihe, niba hari ikintu kitagenda, nkitunganye aka kanya," yaravuze ati: "Kubera ikirere kizaba kijimye kandi kirimo imiyaga kiriya gitondo, ubwo ubwato buzambuka ku nkombe yo hakurya." Aravuga ati:" Sinshaka icyambera imbogamizi. Ndashaka kwita kuri ibi byose ubu ngubu." Ni ku bw'ibyo turi hano, tugerageza kwita ku cyatubera imbogamizi cyose, kugira ngo tuzambuke icyo gihe.

Noneho, sindibuvuge igihe kirekire uyu mugoroba, kuko dufite amateraniro abiri ejo. Hanyuma nzahita njya ahandi, ku bw'andi materaniro.

7 Ariko, ubu ngubu, mu Gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri. Ndashaka gusoma ku gice cya 16, imirongo itatu ya mbere yo Gutegeka kwa kabiri 16:1-3.

> *Ujye uziririza ukwezi Abibu, uziririze Uwiteka Imana yawe Pasika;… kuko mu kwezi (kwa kane) Abibu ari mo Uwiteka, Imana, yagukuriye muri Egiputa, nijoro.*

*Ujye utambira Uwiteka, Imana yawe ibya Pasika byo mu mikumbi no mu mashyo, ubitambire ahantu Uwiteka azatoraniriza kuhashyira izina rye ngo rihabe.*

8 Noneho, isomo ryanjye, uyu mugoroba, ni: ***Ahantu ho kuramiriza Imana yatoranyije.***

Mwitegereze, ukwezi, A-b-a-d-b, hariya, ni… ibyo bisobanuye "mata". Ni mu kwezi kwa mata babasohoye.

Noneho, igitangaje, ni uko twe, uyu mugoroba, nk'abaramya Imana, muri iyi minsi turimo… Kandi duhura n'ibitekerezo byinshi bitandukanye mu bantu. Nkuko hari imitekerereze itandukanye ku bintu, ibibazo bitandukanye; hagomba kubaho igisubizo cy'ukuri kuri buri kibazo kibajijwe.

Ndamutse mbajije ikibazo nti : "Iki, ni iki ?"

"Noneho, wasubiza uti, ni igicaniro."

"Kimara iki?" Murabona?

Noneho rero… Umuntu ashora kuvuga ati: " Ntabwo ari igicaniro, ni urubaho. " Kandi koko, ni urubaho, nyamara ni igicaniro. Murabona, ni ngombwa ko habaho igisubizo nyacyo kuri ibyo. Ndamutse mbajije ikibazo ku kintu icyo ari cyo cyose, hagomba kubaho n'igisubizo nyacyo. Hashobora kuboneka ikintu gisa na cyo; ariko hagomba kubaho igisubizo nyacyo kandi kijyanye na buri kibazo. Kandi noneho, kuri buri kibazo kibonetse mu buzima bwacu, hagomba kubaho igisubizo cy'ukuri.

9 Noneho, uyu munsi, twumva bivugwa ko abantu benshi muri iy'isi none… Nk'umuvugabutumwa, nakoze ingendo nyinshi hirya no hino ku isi, nahuye n'amayobokamana menshi atandukanye, nka Bouddha, Abayisilamu,Abasikhs, Abadjaïns, n'andi ntazi, mu mayobokamana yo ku isi. Kandi hano iwacu, muri Leta Zunze Ubumwe, no mu bindi bihugu by'amahanga, guhura n'amatorero yacu atandukanye, nk'amatorero yacu y'amadini, duhereye ku Itorero Gatulika ry'i Roma rya mbere, hanyuma Itorero ry'Abagiriki, n'ayandi n'ayandi, ndetse n'imihango itandukanye, kugeza… ku bisekuru byose by'amadini, by'amadini magana cyenda arenga y'abaporoso atandukanye…

Kandi, buri rimwe muri yo, nyakuri, ushobora kubona imyumvire yaryo, kandi sinabibarenganiriza. Buri rimwe ryose ryiyumva ko riri mu kuri, ko rifite ukuri. Kandi… Abagize ayo matorero bahatiwe kubyizera, kuko ni ho biteze kubaho kwabo kw'Iteka, ku nyigisho z'iryo torero. Kandi baratandukanye hagati yabo ku buryo bafite ibibazo magana cyenda birenga bitandukanye.

Noneho, nkuko hari ibibazo magana cyenda birenga bitandukanye, hagomba kubaho igisubizo kimwe cy'ukuri. Kandi ndifuza uyu mugoroba, kubitureba, kuko dushaka kujya mu Ijuru, ku bwo guhura n'Umwami wacu Yesu dukunda twese, ndifuza kugenzura Ibyanditswe ku bwo kubisobanukirwa.

10 Kandi, niba ari ikibazo cya Bibiliya, cyakagombye kugira igisubizo cya Bibiliya. Igisubizo kitava mu itsinda ry'abantu, bahuriye ku kintu runaka, cyangwa ku mwanditsi, cyangwa ku idini. Kigomba guturuka mu Byanditse, aho wahurira n'Imana ku bwo Kuyiramya. Mu by'ukuri, nkuko Ari Imana, hagomba kubaho ahantu runaka, Ihurira na twe.

Noneho, turabona hano mu Gutegeka kwa kabiri, ku itangira, ko Mose asubiramo Ibyanditswe, ibintu Yari yarababwiye; ko Yari yarabakuye mu Egiputa n'ukuboko gukomeye, kandi ko itangira Yari yarabashyize ahantu.

Bitwaga "*ubwoko bw'Imana*" kugeza aho basohokeye muri Egiputa, hanyuma bitwa *"itorero ry'Imana".* Urebye, itorero ni ihuriro, cyangwa… Mu by'ukuri, itorero risobanuye *"abahamagariwe gusohoka"*, abari barahamagariwe gusohoka. Basohotse mu Egiputa kugira ngo babe itorero.

11 Kandi, Imana yari yarababwiye iti (igihe… mbere yuko bubaka ingando n'ibindi byose bakoze): "Nzatoranya ahantu ho Kundamiriza, kandi Nzahashyira Izina Ryanjye. Kandi niho hantu honyine Imana yashobora guhurira n'umuntu, ahantu Ubwayo yatoranyije. Yitoranyirije ahantu Hayo, hanyuma Ihashyira Izina Ryayo. Umurongo wa 2 hano urabitubwira, *"ko Izashyira Izina Ryayo ahantu Yitoranyirije kugira ngo abantu bayiharamirize".* Noneho, ikiriho, ni uko dushaka kumenya aho hantu aho ariho.

Hamwe n'ibitekerezo magana cyenda birenga bitandukanye tutabaze amayobokamana yose ya gipagani, ukavuga gusa iyobokamana rya gikirisito… Igihe cyose, ngirira impuhwe abapagani, naho ubundi sinakabaye njya kubabwira. Gusa, bari mu buyobe. Igikirisito ni ryo yobokamana ryonyine ry'ukuri, igikirisito. Kandi simbivuga gusa kuko ndi umukirisito ; nizera gusa ko ari Ukuri. Ni ryo yobokamana ryonyine ry'ukuri.Kandi simbivuga gusa kuko ndi umukirisito ; nizera gusa ko ari Ukuri. Ni ryo yobokamana ryonyine ry'ukuri.

12 Nageze kuri ya mva aho bahindura ifarasi year buri masaha ane. Aho, Muhamadi, umutambyi ukomeye n'umuyobozi, nyuma ya Kirisito, bavuga ko yari umuhanuzi, kandi, simbishidikanyaho ko yabaye we, nyuma y'abihayimana b'Abamakabe. Ariko igihe… Ku rupfu rwe, yibwira ko azazuka hanyuma

akigarurira isi yose. Kandi, nyuma y'amasaha ane, bahindura umurinzi, bakagumishaho ifarasi year ku mva ye. Bamaze imyaka ibihumbi bibiri babikora, bategereje ko azuka kugira ngo ategeke isi. Ariko murabona…

Mufate Bouddha; Bouddha yabayeho hashize imyaka amagana, hafi imyaka ibihumbi bibiri na Magana atatu, ikigirwamana cyo mu Yapani kandi yari umu filozofiya nka Confucius n'abandi.

Ariko abayatangije n'abandi bose barapfanye filozofiya yabo hanyuma barahambwa, bari mu mva.

Ariko igikirisitu, cyatangijwe na Yesu Kirisitu, gifite imva irimo ubusa. Niwe Muntu wenyine wabaye ku isi, wavuze ati: "Mfite ububasha bwo gutanga ubuzima Bwanjye kandi nkongera nkabuzura." Kandi ibyo Yarabikoze. Kandi Ni muzima n'uyu munsi.

Kandi tuzi ko Ariho, kuko Ari kumwe na twe kandi Abiduhamirisha ibimenyetso n'ibitangaza bifatika, Yasezeranyije gusohoza ku bwo kubihamiriza; ku buryo Inkingi y'Umuriro yayoboraga abana b'Isirayeli mu butayu, iri kumwe na twe uyu munsi. Yemeye ko ifotorwa, Ikora ibimenyetso n'ibitangaza Yaseranyije muri iyi minsi, kuko tubona Amagambo yose Yaseranyije asohora uyu munsi. Ku bw'ibyo, abasigaye bo mu isi ya gipagani ntibari mu irushanwa. Birarebana n'igikirisitu !

13 Noneho, nkuko hariho ibibazo magana cyenda birenga ku hantu Imana ihurira n'abantu. Ihura n'abametodisita, Ihura n'ababatisita, Ihurira aha, na hariya, n'ahandi. Noneho, hari ikibazo, buri wese agomba gushaka agakiza ke bwite ahinda ubwoba n'umushyitsi.

Ariko uyu mugoroba, ndagerageza gushaka no guhamirisha Ibyanditswe, aho Imana ihurira n'abantu nyakuri hanyuma ikaramya nabo. Kandi aria ho, niho gusa Izahurira nabo.

14 Noneho, uwo murongo twawukuye mu Gutegeka kwa kabiri. Iri ni ijambo ry'ikigereki rifite ubusobanuro bwinshi, cyangwa risobanuye "amategeko abiri". Ijambo ry'ikigereki Gutegeka kwa kabiri risobanuye "amategeko abiri atandukanye".

Kandi ni cyo neza neza Imana ifite, amategeko abiri atandukanye. Kandi rimwe muri yo ni itegeko ry'urupfu, irindi ni itgeko ry'Ubugingo. Imana ifite amategeko abiri. Kuyikurikira, no Kuyikorera no Kuyiramya, ni Ubugingo; kwanga ibyo, niurupfu. Hari amategeko abiri mu Mana.

Noneho rimwe muri ayo mategeko ry'ashyizweho… rihishurwa mu isi, ku musozi Sinayi. Imana yahaye itegeko Mose no kuri Isirayeli. Si uko itegeko ry'abafashije, ahubwo ryaberekagaga gusa ko ari abanyabyaha. Mbere y'ibyo, ntibari bazi icyaha icyo ari cyo, mbere yo kugira itegeko. Nta tegeko ribaho ritagira igihano nti ryaba ari itegeko. Noneho: "Kwica itegeko, n'icyaha, kandi igihembo cy'icyaha ni urupfu." Noneho mbere yuko Imana ibaha itegeko, nta cyaha cyababarwagaho.

Niba hatabayeho itegeko rivuga ko ntaburenganzira bwo gutwara hejuru y'amayilo 20 [32km] ku isaha, noneho ushobora gutwara hejuru y'amayilo 20 [32km] ku isaha. Ariko igihe hari itegeko ribikubuza, hari itegeko hakaba n'igihano cyijyanye nabyo.

15 Kandi, urupfu rwari…, itegeko ry'urupfu, yari amategeko yatangiwe ku musozi Sinayi, yerekaga umuntu ko ari umunyabyaha. Iyo yicaga itegeko ry'Imana, yarapfaga. Ariko agakiza ntikaba mu itegeko. Yari umukozi wa police gusa washoboraga ku bajugunya muri gereza; ntacyari gushobora ku bavanamo.

Ariko Yatanze irindi tegeko, hari ku musozi Kaluvari aho icyaha cy'ashyizwe kuri Yesu Kirisitu, kandi hariya ikiguzi cyarishyuwe. Ariko bitari… atari itegeko: "Ariko ni ku bwo ubuntu mwakijijwe", ku bwo ubuntu bw'Imana, ku bwo gutoranywa, Imana yarabamenye kera.

Noneho, turabona ayo mategeko abiri, Gutegeka kwa kabiri kuvuga amategeko abiri.

Hariho amategeko abiri. Rimwe, itegeko ry'urupfu, n'irindi, ry'ubugingo.

16 Hariho n'amasezerano abiri yahawe ubwoko. Tuzabivugaho mugitondo.

Rimwe ryahawe Adamu n'inshingano: *"Nukora ibi maze ntukore biriya…"* Ariko iryo tegeko ntiryubahirijwe. Adamu na Eva bararyishe, mu ngobyi ya Edeni.

Hanyuma Imana ishyiraho irindi sezerano, hanyuma iriha Aburahamu, kandi nta nshingano ryari rifite. *"Si ku cyo wakoze cyangwa uzakora;"* Iravuga iti, *"Njye, narabikoze."* Ibi, n'ubuntu. Ibi, ni itegeko ry'ubugingo. Imana yabikoreye Aburahamu n'urubyaro rwe ruzaza hanyuma, bivuze ngo urubyaro rwose rw'Aburahamu.

Nkuko Bibiliya ibivuga: *"Isirayeli yose izakizwa"*, ariko ntibivuze Abayahudi. Nkuko Pawulo yabivuze: *"Abari Isirayeli imbere cyangwa Isirayeli hanze…"* "Hanze," nkuko twabivuze ku wundi mugoroba, bari abana ba Isaka, babyawe nawe. Ariko itegeko ry'Imana, byari ku bwa Kirisitu, wari urubyaro rwa cyami rw'Aburahamu, kugira ngo *"Ku bwo ubuntu, Isirayeli yose ikizwe".* Ni ukuvuga ngo: *"Abari muri Kirisitu bose barakijijwe"*, bose, isezerano rya kabiri ry'Imana. Ariko rwashushanyaga Kirisitu.

17 Noneho, mwitegereze umurongo wa kabiri. Umurongo wa kabiri, hano, mu Gutegeka kwa kabiri 16: *"Ramiriza ahantu natoranyije."* Noneho, mugomba kuramya Imana, Yaravuze iti, *"ahantu natoranyije, atari aho undi muntu yatoranyije, ariko aho Njye, Natoranyije."* Kandi igihe Imana yatoranyije ahantu, noneho ni ku bwo inyungu zacu kureba icyo Imana yabivuzeho. Ese biboneka he? Ngiye kubishaka, kuko rwose, nshaka kuyiramya. Turi hano twese kuri uyu mugoroba, ku bwo kuyiramya. Twicaye hano twese uyu mugoroba, abametodisita, ababatisita, abagaturika, abahamya ba Yehova, abakurikira ubumenyi bwa gikirisitu, n'ibindi. Ariko twese hari icyo dushaka.

Turashaka kumenya ukuri. Bibiliya iravuga iti: *"Muzamenya ukuri, kandi ukuri kuzababatura."*

Umuntu, ntimushobora kumenya icyo mukora, ntimuzi uburyo mwagikora mbere yo kumenya uburyo mubyifatamo, cyangwa se, ntimuzi icyo gukora mbere yo kumenya uburyo mubyifatamo. Mugomba kumenya icyo mukora n'uburyo mugikora.

Ibi bitwereka ko Imana ifite ahantu h'ihuriro kubayiramya, ahantu hazwi. Ni aho hantu gusa Imana ihurira n'abayiramya.

18 Hanyuma, ikindi, ahantu Yatoranyirije abayiramya, Yavuze ko izahashyira Izina ryayo. Noneho, tugenzure ibyanditswe kugira ngo tumenye aho hantu. Byukuri, niba Imana yaravuze ko izashyira izina ahantu yatoranyije guhurira n'abantu, kugira ngo iramye hamwe nabo… cyangwa se kugira ngo bayiramye, noneho ibyo biboneka ahantu runaka muri Bibiliya, kuko byari iby'ibisekuru byose.

Kandi Imana ikomeye itanyeganyezwa ntishobora guhinduka. Ni umuntu uhinduka. Ariko mushobora gushyira ubuzima bwanyu ku cyo Imana yavuze mu gihe icyo ari cyo cyose, kuko ari ukuri. Ni ukuri. Urebye, ni cyo cyonyine nshobora kugirira icyizere, Bibiliya. Kandi ijambo ry'abantu riraneshwa, ariko Imana iguma ari ikirenga. Uyu mwaka, nagombaga kugira ubumenyi burenze ubw'umwaka ushize. Namwe n'uko. Buri munsi… turazitiwe, ni muri ubwo buryo dukura mu bumenyi.

Ariko Imana ntirangira. Ntirangira. Kandi, nkuko Itarangira, ntishobora gukura mu bumenyi. Iratunganye, kuva kera. Buri cyemezo cyose kigomba kuba gitunganye. Kandi uburyo Imana yigeze gukora, Igomba kubikora mu buryo bumwe igihe cyose, cyangwa se Yaribeshye ku nshuro ya mbere, niba umuntu aje ku Mana ku bwo kwakira agakiza, bishingiye ku buryo uwo amwakiriye, bugomba kuba uburyo bumwe wemererwamo igihe cyose. Ni ukuri. Hagize umuntu uza ku Mana ashaka gukira kwa kimana kandi Imana ikamwemera mu buryo runaka, ukurikiyeho naza, nawe Izamwemera mu buryo bumwe; cyangwa se Yaribeshye igihe yakira uwambere. Imana yashyizeho uburyo bwo guhuriramo n'umuntu. Yashyizeho uburyo bw'ibyo izakora, n'uburyo izabikoramo, kandi byari ku bw'amaraso y'igitambo y'umwana w'intama mu ngobyi ya Edeni. Imana nta narimwe, nta nigihe na kimwe yigeze ibihindura.

19 Yahisemo uburyo Izakiza umuntu. Uyu munsi, bagerageza kwinjizamo abantu banyuriye mu nyigisho; bagerageje kubatoza mu mashuri, bagerageje kubigisha, bagerageje kurema amadini, bagerageje gukora ibyo bintu byose ku bwo kwinjiza abantu: kubinjiza babashyushya, babinjiza bababatiza, no mu zindi nzira, no kubinjizanya amabaruwa. Ariko ni ubwo buryo bumwe bugikoreshwa. Imana ihurira n'umuntu munsi y'Amaraso yamenwe y'umwana w'intama. Amaraso, yari inzira y'Imana ku itangiriro, kandi Amaraso ni inzira y'Imana uyu mugoroba. Ni byiza kwihana n'ibindi nk'ibyo, ariko agakiza kava gusa ku maraso. Amaraso, ni yo nzira yonyine Imana yahisemo ku bwo gukiza abantu, kandi Ntishobora kubihindura.

Yobu yari afite ikintu kimwe. Yarazi ko ari umukiranutsi kuko yari yaratanze igitambo Imana yari yaramutegetse.

20 Noneho, ubungubu, dushakishe kumenya aho hantu Imana yashyize Izina ryayo. Biradusaba kumenya aho yashyize Izina ryayo. Hanyuma ni tumara kumenya Izina ry'Imana naho Yarishyize, icyo gihe tuzaba twabonye aho kuramiriza, tukimara kubona ibyo.

Ibyo bintu byose, mu by'ukuri, byari igicucu cy'ibintu bizaza. Itegeko ryose ryashushanyaga ibintu bizaza.

Nkuko ukwezi ari igicucu cy'izuba. Gufasha mu gihe izuba ridahari, nkuko Itorero rigomba gufasha mu gihe Umwana w'Imana adahari. Mu gihe Umwana adahari, Umucyo muto, Itorero, abizera, bakorera Imana, bagatanga Umucyo mu gihe Umwana adahari. Ariko igihe izuba rirashe, ukwezi ntikuba kukigaragara kuko kwarenze. Ntituba tugikeneye umucyo wako, mu byukuri, kumurikisha umucyo, wakuwe mu zuba. Noneho, izuba n'ukwezi, bimeze nk'umugabo n'umugore, Itorero na Kirisito.

Noneho, turabona ibi bintu nk'igicucu cya Kirisito… Ibitambo byose, ibirori byose, n'ibyo mu Isezerano rya Kera byose, byashushanyaga Kirisito; nk'igicucu kigaragaye ku butaka… Noneho, dore aho tugomba kubonera ahantu ho kuramiriza: ni ugusubira mu Isezerano rya Kera, aho hatangiwe, kureba icyo ibyo bintu byari bisobanuye.

21 Noneho, igihe igicucu kigaragaye ku butaka, ushobora kuvuga ko ari umugabo, cyangwa umugore, inyamaswa cyangwa ikindi kintu, kuko icyo kintu nyirizina kigaragaza igicucu ku butaka. Kandi uko igicucu

kigenda kigabanuka, igicucu mu ishusho itagaragara neza… Kandi ntihabaho igihishe hatariho ikigaragara. Kandi, igihe ikigaragara cyegereye igihishe, igihishe gitwikirwa n'ikigaragara. Igicucu n'ikigaragara birihuza, hanyuma ni byo bitanga ikigaragara.

Kandi ibintu byose bya kera bivugwa muri Bibiliya. mu Isezerano rya Kera, byari ibicucu by'ibizaza, hanyuma Kirisito yari igicucu cy'ibizaza.

Noneho dushobora kubona, mu ngero z'Isezerano rya Kera, aho Yatoranyije gushyira Izina Rye… n'aho ubu ngubu… Nkuko igicucu kigaragaye ku butaka, navuga ko ari igihishe, ni urugero. Nuko twe, abaramya, dushobora kubona ibicucu byo mu Isezerano rya Kera bishongera mu kigaragara cyo mu Rishya.

Noneho, ibirori byose, iminsi y'ibirori, ingando yose, buri giti cyose, icyari mu ngando cyose, byose byari urugero rwa Kirisito. Amaturo yose, amategeko yose, byose byari urugero rwa Kirisito. Twabyize inshuro nyinshi cyane, hano mu Rusengero. Noneho turabona, aho ngaho, ko imihango yose, amatorero yose, n'amadini yose yasigaye inyuma iyo kure. Nta nubwo akomeje urugendo. Imihango yose, amatorero yose, n'amadini yose byakuwe mu nzira. Nta mwanya bigifite namba.

22 Nta kintu mu Isezerano rya Kera cyangwa n'ahandi muri Bibiliya, cyaba urugero rw'itorero, uretse ubumwe bw'imbaraga bw'umunara w'i Babeli. Ni cyo kintu gusa cyabaye urugero rw'ubwo bumwe. Mu by'ukuri, bwakozwe na Nimurodi, umugabo w'umugome wagiye guhata uduhugu duto kwihuriza ahantu hamwe, kandi wari uwo munara ukomeye. Kwari ukuramya kwa kidini, niko bimeze, ariko kutari gufite umwanya mu Ijambo ry'Imana. Noneho, niho dusanga urugero rw'iyobokamana bwa kidini, umunara w'i Babeli mu Isezerano rya Kera. Kandi iryo iyobokamana ryari iyobokamana gusa, ariko ntiryari iyobokamana ry'Ijambo ry'Imana.

Imana ntiyatoranyije gusyira Izina Ryayo mu idini runaka. Ndifuza abampa umurongo wo mu Byanditswe, niba ari uko bimeze. Bibwira ko Yabikoze, nyamara Ntiyabikoze. Ntiyashyira Izina Ryayo ahantu henshi, kuko Yavuze ko Yashyize Izina Ryayo ahantu hamwe gusa. Kandi aho hantu… Buri dini ryose ryibwira ko ari muri ryo Yashyize Izina Ryayo, ariko siko biri. None se ni he Yashyize Izina Ryayo?

23 Noneho, mbere na mbere, Izina Rye ni nde? Turabanza twite izina… tumenye Izina ry'Imana, mbere yo kumenya icyo Ishyira aho hantu.

Kandi, tubonye ko Yari ifite ibyitiriro byinshi. Yiswe "Data", ni icyitiriro. Kandi yiswe "Umwana", ni icyitiriro. Yiswe "Umwuka Wera", ni icyitiriro. Yiswe "Ururabo rwa Sharoni", ni icyitiriro. "Umwangange wo mu kibaya", icyitiriro, "Inyenyeri yo mu Rutururuturu". "Yehova Yire", "Yehova Rafa", amazina arindwi atandukanye agize ubucunguzi, kandi yose yari ibyitiriro. Nta na kimwe cyari izina. Ariko, Ifite izina.

Igihe Yahuye na Mose, Yari itaragira Izina, hanyuma Ibwira Mose iti: "NDI UWO NDI WE." Kandi igihe Yesu yari ku isi, ari kuvuga mu Baheburayo, igice cya 6… (Mumbabarire) ni muri Yohana, igice cya 6. Yaravuze iti: "NDI UWO NDI WE."

Abantu baravugaga bati: "Cyore! Wowe udafite n'imyaka mirongo itanu, Ukavuga ko 'wabonye Aburahamu'

Yaravuze ati: *"Mbere yuko Aburahamu abaho,NDIHO."* Kandi "NDIHO" yari Uwari mu gihuru cyakaga umuriro, Inkingi y'Umuriro yari mu gihuru cyakaga umuriro mu gihe cya Mose, "NDIHO, UWO NDIHO".

24 Noneho turabona ko Yesu nawe yavuze ati: " *Naje mu Izina rya Data, ntimwigera Munyakira."* Nuko, Izina rya Data rigomba kuba **Yesu**. Ni ukuri. Izina rya Data, ni Yesu, mu by'ukuri, Yesu yarababwiye ati: *"Nitwa Izina rya Data. Naje mu Izina rya Data, Ntimwanyakira.*" Nuko, Izina Rye, ryari Yesu.

Na Gaburiyeli Yamwise Yesu, abahanuzi Bamwise Yesu, kandi Yari Yesu by'ukuri. Mbere y'ivuka Rye, ndetse n'umuhanuzi wera Yamwise *Emanuweli,* bisobanuye *"Imana hamwe na twe"*. Kandi, Imana yigaragaje mu mubiri kugira ngo ikureho icyaha cyo mu isi, kandi igihe Yabikoze, Yahawe Izina rya Yesu. Nuko, Izina, ni Yesu.

Kandi Izina ryashyizwe mu Muntu; atari mu itorero, atari mu idini, atari mu mihango, ahubwo ni mu Muntu! Yatoranyije gushyira Izina Rye muri Yesu Kirisito. Noneho, turabona ko Ahindutse ahantu ho kuramiriza Imana, aho Bayiramiriza.

Mbere y'ivuka Rye, Yahawe Izina rya Yesu. Byari iby'ingenzi cyane ko byahawe Nyina binyuriye muri Marayika Gaburiyeli, ko Azitwa "Yesu, Umwana w'Imana", ni uwo yari We.

25 Noneho aho, turahari. Ni aho gusa. Ni Ahe gusa. Ahantu ho kuramiriza Imana yatoranije, ahantu hatoranijwe n'Imana… hatoranyijwe n'Imana ku bwo guhura n'umuntu, atari mu itorero, atari mu idini, atari mu mihango, ahubwo ni muri Kirisito. Ni ho hantu honyine Imana ihurira n'umuntu, aho uwo muntu ashobora kuramiriza Imana, ni muri Kirisito. Ni ho hantu honyine. Mwaba abametodisita, ababatisita, abagatulika, abaporoso, icyo mwaba muri cyo cyose, hari ahantu hamwe gusa mushobora kuramiriza

Imana nkuko bikwiye; ni muri Kirisito.

Abaroma 8.1: “Nuko rero abari muri Kirisito Yesu nta teka bazacirwaho, abadakurikiza ibya kamere y'umubiri, ahubwo bakurikiza iby'Umwuka.” Ni bwo Butumwa.

26 Dushobora kutemeranywa ku mihango. Dushobora kutemeranywa ku bitekerezobya kimuntu. Kugira ngo mujye mu itorero ry'abametodisita, mugomba kuba abametodisita; mu itorero ry'ababatisita, ukaba uri umubatisita; mu itorero ry'abagatulika, mukaba muri abagatulika. Ariko iyo mubatijwe muri Kirisito, kandi mukaba umwe mu bagize umubiri We, nta bibatandukanya biba bihari. Ibikuta bitandukanya biba byakuweho kandi muba mufite umudendezo kuko muri muri Yesu Kirisito. Kandi muramya Imana mu Mwuka no mu Kuri iyo muri muri Yesu Kirisito. Gahunda y'Imana, ni uko Mwayiramiriza muri Yesu Kirisito.

Noneho, nta torero na rimwe rya kidini ryakwiyitirira ibi, nta muntu wakwiyitirira ibyo. Ni gute mwatinyuka kwiyitirira ibyo bintu? Gukora ibyo byaba ari umwuka wa antikirisito, byaba ari ukwambura Kirisito, Kumukuraho ikintu. Ntimushobora kubikora. Kirisito ni we hantu honyine aho Imana ihurira n'abaramyi.

27 Uyu munsi, abantu bavuga ko, hari abantu bambwiye bati… Nta gihe gishize, umuntu yampamagaye i Beaumont, I Texas. Aravuga ati: “Bwana Branham, niba izina ryawe ritari mu gitabo cy'itorero ryacu, ntuzajya mu Ijuru. ” Murumva ibyo bintu? Ntimukizere ikintu nk'icyo. Abantu batekereza ko mugomba kuba umwe mu bagize itorero runaka, bitabaye ibyo ntimwajya mu Ijuru. Ni ikinyoma. Kwizera ibyo, ni antikirisito. Navuga nti: Mwizeye uwo mwuka, murazimiye. Ni gihamya gifatika ko muzimiye, kuko ukugabanya ku cyo Imana yakoze. Imana ntiyigeze ishyira izina Ryayo mu itorero runaka. Yarishyize mu Mwana Wayo, Yesu Kirisito, igihe We n'Umwana We babaye Umwe. Ni ho hantu nyakuri ho kuramirizwa. Nta rundi rufatizo rwo gushingiraho, nta rundi rutare. Kuri Kirisito, Urutare rukomeye, niho mpagaze; Ahandi hose ni umusenyi ushiraho. Amadini agiye gushonga agwe; amahanga azahita, ariko We azahoraho iteka ryose. Umuntu ntashobora kubona ahandi hantu ho kuramiriza Imana, aho Imana yamusubiriza; nta na hamwe, atari muri Yesu Kirisito. Ni ho hantu honyine, ahantu honyine Imana yatoranyije gushyira Izina Rye, kandi ni ho hantu honyine Ihurira n'umuntu, ku bwo kuramya. Murazimiye, mwizera ibibonetse byose.

28 Mwitegereze, iminsi mikuru irindwi yose y'abayahudi yizihirizwaga ahantu hamwe. Ntibigeze na rimwe bizihiza umunsi mukuru hano ku bw'abametodisita, n'undi hano ku bw'ababatisita, n'undi hariya ku bw'abapresibiteri, undi hano ku bw'abagatulika, n'undi ku bw'abaporoso. Iminsi mikuru irindwi yoseyizihirizwaga ahantu hamwe.

Ni urugero rwiza hano. Tumaze kwiga Ibihe Birindwi by'Itorero, ku bwo kwerekana ko Imana ihishe Ibihe Birindwi byose by'Itorero mu Ijambo, kuko buri gisekuru cy'Itorero cyatanze igice cy'Ijambo, kandi buri gihe uko byatangaga Ijambo kandi bikabona Umucyo… Ni nkuko neza neza abambere bahishuriwe ko bagomba kubatiza mu Izina rya Yesu. Bakoze iki? Bakoze idini, kandi iryo ryapfiriye aho ngaho. Hanyuma Imana isanga undi muntu. Ntiguma muri imwe muri iyo mihango n'imigenzereze. Ntacyo Yakorana na byo. Nta cyononekaye mu Mana. Ijambo ry'Imana rirera, ntirivangiye. Kirisito ni ho hantu shingiro ho kuramiriza Imana. Ni Imana.

Iminsi mikuru yose yagombaga kubera aho hantu. Ntibashoboraga gukorera umunsi mukuru ahandi. Ariko iyo minsi mikuru irindwi, y'umwaka yagombaga kubera ahantu hamwe. Niyo mpamvu ibihe birindwi by'itorero, byagombaga guturuka hamwe rukumbi. Yari Kirisito wavugaga mu bisekuru byose by'itorero. Ni ukuri. Urugero rw'ibihe birindwi by'itorero. Ariko babigize amadini.

29 Noneho, dusuzume urundi rugero; ni urugero rwa Pasika, rwashushanyaga Yesu. Hano, turabona igitambo cy'amaraso, binyuze mu rupfu. Igitambo cy'amaraso, cyari ahantu hashushanyaga Kirisito. Idini rishobora kuva amaraso? Mwibaze itorero riva amaraso, idini riva amaraso ? Birumvikana ko bidashoboka. Byari ngombwa ko amaraso ava mu buzima, kandi ubuzima… Hano Yesu agaragaye mu mwana w'intama. Umwana w'intama yari urugero rwa Kirisito, kandi yashushanyaga Kirisito, kuko Yari Umwana w'Intama w'Imana, ugaragajwe na Yohana, ukuraho icyaha cyo mu isi. Tubonye Yesu Ugaragaye hano mu Kuva igice cya 12.

Mwitegereze, ni ho hantu honyine urupfu rutashoboraga kugera. Igihe urupfu rwabaga rurihafi gutera igihugu, hagomba gukubaho ahantu hazwi ; abatabaga batari munsi y'aho barapfaga. Ahantu hamwe honyine ! Noneho, ntibyari bivuze ko yari inzu imwe gusa ; ahubwo hari ahantu hamwe gusa, ni ho honyine umwana w'intama yicirwaga. Ahantu hari amaraso y'umwana w'intama, marayika w'urupfu ntiyashoboraga kwica, kuko ari ho hantu honyine Imana yari yarashyize Izina Ryayo. Kandi uwo mwana w'intama yari yaratoranyijwe mbere, umwana w'intama. Mwitegereze, ni ho hantu honyine atashoboraga kwica.

30 Kandi noneho ni ko bimeze uyu munsi. Hariho ahantu hamwe gusa urupfu rwo mu mwuka rudashobora kugera, ni Ijambo. Urupfu ntirwakwica Ijambo, kuko ari Ijambo rizima ry'Imana. Ariko igihe mushyizemo imigenzo, Ijambo rirahunga. Rizitandukanya nkuko amazi atandukana n'amavuta. Ntushobora kubivanga.

Nuko, murabona, igihe imigenzo yinjiye mu idini, bose bakurikira imigenzo ; hanyuma Ijambo rikazima, rikajya ku wundi muntu Uzariteza imbere biruseho. Rigafata intera, Riva mu gutsindishirizwa rijya mu kwezwa, kugeza mu mubatizo w'Umwuka Wera, rigasohoka mu Rubuto! Murabona inzira Imana yakurikiye ? Iteza imbere Izina Ryayo kugeza ku iherezo mu buryo bumwe, kuko Ari Ijambo. Mwitegereze, Ntirishobora gupfa. Ijambo ry'Ubugingo ntirishobora gupfa.

Mwitegereze ukuntu bitunganye. Marayika w'urupfu ntiyari abujijwe kwica ubwoko bukomeye bujijutse bwo muri Egiputa. Ntiyari abujijwe kwica ubutaka bwera bwa Egiputa, inyubako zikomeye, ba farawo, abatambyi bo mu gihugu; ntiyari abujijwe kubica. Yashoboraga gusenya inyubako iyari yo yose, ahantu ahari ho hose, uwari we wese, ariko ntiyashoboraga kwica aho umwana w'intama yari ari.

Urupfu ntirushubora gutera ahantu ho Imana yatoranyije, kandi ni mu mwana w'Intama.

Mwitegereze, ntiyari abujijwe ndetse no kwica Isirayeli cyangwa abatambyi bayo b'Abaheburayo, cyangwa rimwe mu madini yabo. Bose bagombaga kuba ahantu Imana yatoranyije, aho Yari yarateguye, bitabaye ibyo bari gupfa.

31 Torero, aho mwaba muri hose, itsinda ubarizwamo iryari ryo ryose, kuri njye ntacyo bihindura. Ariko hari ikintu mugomba kumenya: mugomba kuba muri Kirisito, bitabaye ibyo murapfuye. Ntimushobora kubaho hanze Ye. Birashoboka ko itorero ryanyu ryaba inyubako nziza ; birashoboka ko ishyirahamwe ryanyu ryaba ryiza, nk'itsinda ry'abantu, ariko igihe muhakanye Umubiri, Amaraso, Ijambo rya Yesu Kirisito, muba mupfuye ako kanya igihe mukoze ibyo. Ni ho hantu ho kuramirizwa Imana yotoranyije. Ni ho Izina Ryayo riri, neza neza. Ni ho Yahisemo gushyira Izina Ryayo; atari mu itorero, ahubwo ni mu Mwana, Yesu Kirisito.

Mwitegereze ko, umutekano uri gusa ahantu Yatoranyije, mu Mwana w'Intama Wayo, no mu Izina ry'Umwana w'Intama.

Mwitegereze, yari “umwana w'intama”, “isekurume”, ntabwo ari “ishashi”. Ntabwo ari itorero; ahubwo ni Izina Rye Bwite. Ahantu Yajyaga guhura n'abantu, hari mu Izina Rye Bwite, We Mwana w'Intama !

32 Ubu ngubu, turavuga: “Itorero, rinini kandi rikomeye, ryakoze ibi, ryakoze biriya. Ryahangaye imihengeri. Twiyongereye mu mubare. Turi benshi. Turi itorero rikomeye. Ni rinini.”

Ariko Imana ntiyigeze ivuga undi “muntu”. Yavuze “We”. Ni “We” hantu ho guhurira, Umwana w'Intama, Atari itorero. Ntabwo ari izina ry'undi muntu, ahubwo ni Izina Rye Bwite. Nta handi hantu yashyize izina rye. Yashyize Izina Rye muri “We”.

Niyo mpamvu: Icyo dukoze cyose, mu magambo cyangwa mu bikorwa, tugomba kugikora mu Izina rya Yesu Kirisito. Nidusenga, dusenge mu Izina rya Yesu Kirisito. Nidusaba ikintu, tugisabe mu Izina rya Yesu Kirisito. Nitugenda, tugende mu Izina rya Yesu Kirisito. Nituvuga, tuvuge mu Izina rya Yesu Kirisito. Nitubatiza, tubatize mu Izina rya Yesu Kirisito. Kuko: Icyo dukoze cyose, mu magambo cyangwa mu bikorwa, tugikore mu Izina rya Yesu Kirisito.

33 Rimwe, umuntu yarambwiye turi kuganira, yaravuze ati: “Mwene Data Branham, umugore wanjye” Yaravuze ati: “Yitwa runaka”. Ni umuvugabutumwa, ashobora kuba yicaye hano nonaha. Hanyuma aravuga ati: umugore wanjye‟: ”Afite izina ryanjye.‟ Ndashaka kuvuga gusa Durand Dupont, kuko ntabwo yari Durand Dupont. Hanyuma aravuga ati: ”Noneho, ntabwo ahatiwe kubyuka buri gitondo, agafata umweyo akavuga ati: Ubu ngubu, ndi gukubura mu izina rya Durand Dupont, kandi ndi koza ibyombo mu izina rya Durand Dupont.‟ Yaravugaga ati: ”Sintekereza ko duhatiwe kuvuga izina runaka.‟

Ndavuga nti: “ Ndizera ko bikwiye.” Ni ukuri.

Hanyuma aravuga ati: “Noneho, ntakeneye kuvuga… Ibyo akora byose, ku itangira, ni mu izina rya Durand Dupont.”

Ndavuga nti: “Ariko ntabwo uri gutembera mu muhanda ari bwo wamutwaye uvuga uti : 'Ngwino, Durand Dupont. ' Byabanje kunyura mu muhango w'ubukwe, ahinduka muka Durand Dupont. Bitari ibyo, mubana mu busambanyi. Kandi niba mwarabatijwe mu bundi buryo butari ubwo mu Izina rya Yesu Kirisito, ni umubatizo w'ubusambanyi, utari muri Bibiliya.” Hanyuma, icyo mukoze mu magambo cyangwa mu bikorwa, mugikore mu Izina rya Yesu. Ariko mugomba kubanza kuza mu Izina Rye.

34 Hariho abagore benshi beza muri iki cyumba muri uyu mugoroba, abagore beza, abagore bakiranuka, ariko hariho umwe gusa Madamu William Branham. Ni we dutahana mu rugo. Ni we mugore wanjye.

Hariho abagabo beza muri iy'isi, amatorero meza; ariko hariho Madamu Yesu Kirisito umwe gusa, kandi ni ku bwe Aje. Ni ho hari Izina Rye. Ni ho hari ukuramya Kwe: mu We kandi muri We gusa. Ni ukuri. Yo! yego rwose. Turabona ko ari ukuri.

Noneho, niyo mpamvu, twe, icyo dukoze cyose mu magambo cyangwa mu bikorwa, tugikora mu Izina

rya Yesu Kirisito.

" Nta rindi zina munsi y'Ijuru agakiza kabonerwamo, hanze y'Izina rya Yesu Kirisito." Ni mu Byakozwe n'intumwa, igice cya 4, kivuga giti: "Mumenye ko…" "Nta rindi zina munsi y'Ijuru, umuntu yari gukirizwamo, atari gusa mu Izina rya Yesu Kirisito." Amina. Ndizera ko musobanukiwe. Izina rya Yesu Kirisito, byose…

Hejuru y'Amajuru hafite Izina Rye, ibyo mu mu ijuru byose byitwa izina rya Yesu, niko Bibiliya ivuga; kandi n'ibyo ku isi byose byitwa izina rya Yesu. Dore Izina Imana yatoranyije n'aho Yarishyize. Ni ho hantu Hayo ko kuramirizwa: muri Yesu Kirisito. Noneho, tuzi ko ari uko bimeze, nta handi hantu ho kuramiza hatari muri We gusa.

35 . Nta rindi zina munsi y'Ijuru, abantu bagomba gukirizwamo. Izina Rye ni Izina ry'ubucunguzi ry'Imana. Imana yitwa Yehova-Yire, Yehova-Rafa, Yehova-Yire. "Imana ibabarira ibyaha byawe byose." Yehova-Yire, "Imana ikiza indwara zawe zose". Yagize ibyitiriro byinshi, ariko Ifite Izina rimwe ry'Ubucunguzi ryahawe abantu, kandi ni Izina rya Yesu. Dore Izina Rye, Yatoranyije gushyira… Yarishyize he? Yarishyize mu Kirisito.

Andi mazina yose y'amatorero, y'imihango, y'ibyitiriro, kuyishingikirizaho ni urupfu. Nimushingira ku Itorero ry'abametodisita kugira ngo ribajyane mu Ijuru, murazimiye. Kandi Itorero ry'ababatisita, abaruteriyani, abaperesibiteriyani, abagatulika cyangwa irindi iryari ryo ryose, numushingira ku mazina yayo, cyangwa ibyitiriro byayo, cyangwa ku mihango yayo, murazimiye.

Ntimushobora kuramya mbere yuko winjira ahantu ho kuramirizwa. Amina. Ni ho hantu gusa Imana ihurira n'umuramyi, ni ho hantu Yatoranyije gushyira Izina Rye. Ahandi hose, nimuhishingikiriza, muzapfa.

36 Ikindi gicucu cya Yesu, hano, nabyanditse, umurongo w'Ibyanditse. Ndetse byanditswe hano ko: " Agomba kuba ari nta nenge. " Ahantu Ishyira Izina Rye, uyu Mwana w'Intama agomba kuba ari nta ntege.

Noneho, ni irihe dini cyangwa ni irihe shyirahamwe twabyitirira? Ni irihe torero, ry'abagatulika, ry'abaporoso, ry'abayahudi, iryo ari ryo ryose? Ibi byose, byarahakaniwe, kandi birangwa!

Ariko hariho ahantu! Haleluya! Aho hantu, ni muri Yesu Kiristo. We, nta ntege Afite. Muri We nta nenge yarimo.

Ibyo ntimwabyiyitirira. Aba bantu bose, bagerageza kubikora, kuvuga ko amatorero yabo nta nenge afite, n'ibindi; ni abatizera bacumurira Ijambo, Abanyalawodikiya bapfuye igice, bakunda imihango, ariko ntabwo ari Ukuri. Ariko, na Pilato ubwe, umwanzi We yaravuze ati: "Nta cyaha mbonye kuri We." Umwanzi We Bwite yahamije ko nta cyaha Yamubonyeho. Nta cyaha mwamubonaho.

Abwira abatambyi bo mu gihe Cye: "Ni nde muri mwe Wanshinja icyaha? Ni nde Wanyemeza ko Ndi umunyabyaha?"

Munyereke itorero rimwe ryavuga ko ritigeze na rimwe rikora ikibi. Nukuri, nta na rimwe, cyangwa ritigeze rikora ubwicanyi n'ibindi byose twasanga mu mateka, cyangwa hafi aho. Nyamara bakomeza kubyiyitirira…Oya, ahantu ho guhura n'Imana ku bwo kuramya, ntabwo ari mu mugenzo cyangwa mu idini runaka.

37 Ncuti zanjye, sinshaka kubakomeretsa, ariko mpagarariye Ubutumwa, kandi ubwo Butumwa, ni : "Muve muri uwo mwanda !" Kandi mbasabye gusohoka, nabajyana he? Nabajyana muri Ngando ya Branham? Na yo nuko ifite ibyaha kurunda n'izindi ngando. Ariko hari ahantu nabajyana, aho mutekanye murinzwe ngo mudapfa; ni muri Yesu Kirisito, Ahantu ho kuramirizwa h'Imana. Dore ahantu mbazaniye mu uyu mugoroba, aho Imana yashyize Izina Ryayo. Aho Yasezeranye guhurira na buri muntu Uzahinjira, kuramya no kwishimana na we, ni muri Kirisito. Atari mu itorero, Atari mu ngando, ahubwo ni muri Kirisito. Ni We Ngando Y'Imana. Ni We hantu Imana yinjiye Ubwayo, kandi Ituramo: "Uyu ni Umwana Wanjye mukundwa, Nishimira Guturamo." Niho Imana yashyize ubuturo Byayo, aho Yazanye Izina Ryayo Ikarishyira: Yesu Kirisito. Nuko, Izina Ryayo ryashyizwe mu Muntu, Umwana Wayo, Yesu Kirisito, uwo Yashyizemo ubuturo Bwayo. Kandi muri iyo Ngando, (cyangwa kuko mu ngero, Yerusalemu ya kera, iminsi mikuru ya kera, urusengero rwa kera, byari ingero), igihe umwotsi winjiyemo, umunsi Isanduku y'isezerano yinjiye, Ishyirwa mu mwanya wayo, Ijwi ry'Imana ryarahumvikaniye. Nkuko, Ijwi ry'Imana ryumvikanye, ubwo ryinjiraga mu Ngando, Yesu Kirisito; mu by'ukuri, Isezerano rya Kera (kamere ya kera) ryari urugero n'igicucu cy'Irishya. Kandi igihe Yinjiye muri Kirisito, Yaravuze iti: "Uyu ni Umwana Wanjye mukundwa, Nishimira Guturamo. Kandi nzatoranya ahantu Nzashyira Izina Ryanjye, n'aho Nzahurira n'umuntu, n'aho Nzaramiriza." Imana yaoranyije ahantu; atari mu itorero ry'idini, ahubwo ni muri Yesu Kirisito. Ni ukuri.

38 Hagomba ndetse, nkuko nabivuze, kuba ari nta nenge. Ibi, nta dini ryabyiyitirira. Niba hari amadini abikora, ni ba antikirisito.

Noneho, turabona hano, mwitegereze ikindi gicucu Cye. Umwana w'intama agomba kurindwa. Ibi biri mu Kuva 12, niba muri kwandika; Kuva 12.3-6. Umwana w'intama agomba kurindwa iminsi mirongo ine, kubwo kugeragezwa, kugira ngo barebe niba akwiriye gutambwa. Agomba gufatwa, agasuzumwa incuro nyinshi, mu gihe cy'iminsi mirongo ine, ku bwo kureba niba ifite inenge, ky bwo kureba niba ifite uburwayi, ku bwo kureba niba nta kintu kitagenda neza ifite. Igomba kurindwa iminsi mirongo ine.

Noneho, nzi, umuntu watekereza ko wenda…yatambwaga ku munsi wa cumi na kane. Ariko, mwibuke, bafataga umwana w'intama ku munsi wa cumi w'ukwezi, bakamutamba ku munsi wa cumi na kane w'ukwezi, murabona, yarindwaga mu gihe cy'iminsi cumi n'ine.

Kandi Yesu (Izina ry'Umwana w'intama w'Imana) yinjiye i Yerusalemu, kandi Yasohotse gusa nyuma y'urupfu Rwe, guhambwa Kwe no kuzuka Kwe. Yarizwe amaso y'abaneguranyi mu gihe cy'iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine. Ni bwo Pilato yavuze ati: “Nta cyaha Mubonaho.”

39 Ikindi gicucu Cye, nta gufwa Rye na rimwe ryashoboraga kuvunika. Iyo bicaga inyamaswa nk'igitambo, nta gufa na rimwe bagombaga kuvuna. Bitabaye ibyo nticyemerwaga. Kandi bari bazamuye inyundo ku bwo kuvuna amagufa y'ibirenge bya Kirisito, igihe bavuze bati: “Yamaze gupfa.”Bamucumita mu rubavu babona Amaraso n'amazi.

Mwitegereze na none ikindi kintu gihebuje, hano. Ntabwo nifuza kubyirengagiza kuko Yari ashushanyije mu maturo, ituro ry'ifu.

Nibuka ko igihe kimwe, hariho ishuri, muri Bibiliya, bitaga ishuri ry'abahanuzi, kandi koko ryari ishuri. Hanyuma umunsi umwe, Eliya ajyayo, kuri iryo shuri, baramubwira bati: “Twe…” Bamusaba kugenda, bavuga bati: “Iyo uri hano, haba hari igitsure cyane.” Rero bashakaga ko agenda.

Hanyuma bajya kumushakira ibyo kurya. Nuko itsinda ry'abatambyi cyangwa abahanuzi, bajya gushaka amashaza kugira bamutegurire ifunguro. Nuko bagiye, batoragura itaburiya nini yuzuye; hanyuma bagarutse, byari ibihaza, byari uburozi, babisuka mu nkono.

Isupu irabira, hanyuma umuntu aravuga ati: “Ye baba we, urupfu ruri muri iyi nkono ! Ntitwashobora no kurya.”

Hanyuma Eliya aravuga ati: “Munzanire urushyi ry'ifu.” Nuko afata ifu, aminjira mu nkono, aravuga ati: “Murye. Inkono yakize.”

Ituro ry'ifu, ryari Kirisito. Buri ngasire yagombaga gushyirwa ahantu hamwe, kandi gace kose k'ifu kagomba kuba ahantu hamwe, ku bw'ituro ry'ifu. Icyerekana ko Ari Umukiza. Arasimbuza, Agakuramo urupfu hanyuma Agashyiramo Ubuzima, binyuriye mu matageko abiri. Haleluya ! Ahantu hari urupfu, iyo Kirisito ahinjiye, Ubuzima burinjira. Uko yari ejo, n'uyu munsi niko ari kandi niko azahora n'iteka. Kandi ahari urupfu, hahinduka Ubuzima, kuko binjijemo Kirisito, ituro ry'ifu.

Mbega isomo rikomeye riri muri ibi bintu iyaba twari dufashe umwanya tukabyinjiramo mu burebure!

40 Noneho mwitegereze, nta jambo na rimwe ry'igicucu rineshwa, nta jambo na rimwe ry'igicucu ryaneshejwe. Byose byari urugero rutunganye.

Ni we Hantu ho kuramiriza Imana yotoranyije, kandi yahawe Izina ry'Imana. Ni we Hantu ho kuramiriza Imana yotoranyije, kandi yahawe Izina ry'Imana. Ni We Jambo ry'Imana, kandi ni We Zina ry'Imana. Yesi ni Ijambo ry'Imana akaba n'Izina ry'Imana icyarimwe. Yari Ijambo ryambaye umubiri. Yari Ijambo ry'Imana, Umwana w'intama w'Imana, Izina ry'Imana, yari Imana. dore icyo Yari cyo, ahantu hatoranyijwe, kandi honyine ho kuramiriza Imana.

Kandi Imana ntiyemera ahandi hantu uretse gusa muri Yesu Kirisito; ntimushobora Kuyiramiriza ahari ho hose. Yaravuze iti: “Bansengera ubusa, kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu.” Uyu munsi, dufite imihango, imigenzo, n'ibindi, byigisha ko ibi ari yo nzira, kandi ko biriya ari yo nzira.

Kandi Yesu yaravuze ati: “ Ni Njye Nzira, n'Ukuri n'Ubugingo, kandi ntawujya ku Mana Ntamujyanye.” Mu yandi magambo, Ndi Irembo ry'intama. Abo hanze bose ni abajura. Ni we nzira yonyine. Ni we Rembo. Ni We Nzira, N'ukuri n'Ubugingo, ibirimo gusa; Irembo rimwe, Ahantu hamwe, Kuramya kumwe, Izina rimwe.

Byose bifitanye isano na Yesu Kirisito. Isezerano ryose rya Kera rifitanye isano na We. Isezerano Rishya rifitanye isano na We. Kandi Itorero, uyu munsi, rifitanye isano na We binyuriye mu Ijambo ry'itegeko Rye. Nta handi hantu hariho, nta rindi Zina, nta handi hantu Imana yasezeranyije guhurira n'umuntu, atari gusa muri Yesu Kirisito, ahantu ho kuramiriza Yatoranyije.

41 Mwitegereze, Imana Yasezeranyije guhura n'abaramyi Bayo aho hantu gusa, kandi ni ku bw'amahitamo Ye Bwite; atari ku bw'amahitamo yacu, atari ku bw'igitekerezo cyacu, ahubwo ni ku bw'igitekerezo Cye, amahitamo Ye. Kandi ni ho hantu Yashyize Izina Rye, ahantu Yatoranyije. Noneho

tumenye aho Izina Rye ryari riri, iryo Yahisemo, ku bw'amahitamo Ye Bwite.

Noneho tubonye aho Yashyize Izina Rye, bivuze muri Yesu Kirisito, nta handi hantu hariho, nta n'irindi zina ririho… Murabyishimiye? Muvuge muti: "Amina." [Itorero rivuga: "Amina."-Umwanditsi.] Noneho igihari, ni uko nitumenya aho hantu… Ahantu ho kuramiriza nta handi hemewe, uretse gusa muri Kirisito.

Mushobora kwihana, mushobora kubikora, ariko ntimuba muri kuramya. Muba musaba imbabazi. Petero yaravuze ati… Umunsi wa Pentekoti, igihe babonye bose bari kuvuga mu ndimi, kandi hakorwaga ibikomeye n'ibitangaza, barabanegura; ni cyo itorero ryakoze, rivuga riti: "Aba bagabo basinze vino." Baritwara nk'abantu basinze. Mariya, w'isugi, n'abandi bose bari hamwe, bari ijana na makumyabiri. Kandi basakuzaga nk'abasinze, bavugaga mu ndimi, kandi bitwaraga mu buryo budasanzw. Abantu baravugaga bati: "Aba bagabo basinze vino."

42 Ariko Petero, arahaguruka aravuga ati: "Bagabo bene Data, aba bagabo ntibasinze, kuko ubu ari isaha ya gatatu y'umunsi. Ahubwo ibi byavuzwe n'umuhanuzi Yoweli ngo: 'Imana iravuze iti: Uku ni ko bizaba mu minsi y'imperuka, Nzasuka ku Mwuka Wanjye ku bantu bose; kandi abahungu n'abakobwa banyu bazahanura; ndetse n'abaja Banjye Nzabasukira ku Mwuka Wanjye.

Nzashyira amahano mu ijuru, Nshyire n'ibimenyetso mu isi hasi, amaraso n'umuriro no gucumba umwotsi. Mbere yuko umunsi mukuru kandi utangaje w'Uwiteka uza, kandi umuntu wese uzambaza Izina ry'Uwiteka azakizwa.'"

Bumvise ibyo bibacumita mu mitima, barabaza bati: "Bagabo bene Data, mbese tugire dute?"

Petero arabasubiza ati: "Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kirisito ngo mubone kubabarirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwa iyi mpano y'Umwuka Wera. Kuko isezerano ari iryanyu n'abana banyu."

43 None ni cyo tubonye. Noneho, turashaka kumenya uko twinjira muri We. Ni gute binjira aho Hantu ho kuramiriza? 1 Abakorinto 12 bakemuye ikibazo, kuko: "Ku bw'Umwuka umwe", atari ku bw'itorero, atari ku bw'imihango, Atari ku bw'umwungeri, atari ku bw'umusenyeri, atari ku bw'umupadiri, ahubwo "ku bw'Umwuka Wera umwe, twese twabatijwe mu Mubiri umwe", ari wo Mubiri wa Yesu Kirisito, kandi twavuye mu mpano zose ziri muri uwo Mubiri. Ni ukuri! Atari mu guhuza, atari mu gukora imihango, atari ukwishyira hejuru, atari ukwitura hasi, atari ugutanga ikiganza, cyangwa ikindi kintu cyose. Ahubwo ni ku bwo Kuvuka twabatijwe mu Mubiri wa Yesu Kirisito! Amina. "Ku bw'Umwuka Wera umwe twabatijwe mu Mubiri umwe."

Uwo mubiri ni uwuhe?

"Ku itangiriro hariho Jambo, Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana.

Jambo uwo yabaye umuntu, Abana natwe."

Ni gute twaba muri uwo Mubiri hanyuma tugahakana Ijambo, cyangwa Tukarishyira ahantu runaka, hatari muri uwo Mubiri? Ni gute twakora ibyo?

44 Mwitegereze, n'igihe mubatijwe muri We, gihamya cy'ukuri, ni uko Mumwizera, We, Jambo. Ni gute mwaba igice Cye, hanyuma Mukamwihakana? Ni gute nahakana ko ikiganza cyanjye, ari icyanjye? Nkoze ibyo, mu mutwe wanjye, haba hari ikintu kitagenda, kuko mpakana ko ari ikiganza cyanjye, mpakana ko ari ikirenge cyanjye, noneho mu buryo bw'umwuka hari ikintu kitagenda ku mwizera uhakana Ijambo ryose ry'isezerano Imana yavuze. Mu buryo bw'umwuka hari ikitagenda kuri uwo wiyita ko ari umwizera.

Ntimushobora guhakana inyuguti n'imwe Ye, kuko mwahindutse igice Cyabyo. Muri igice Cye kuko mwabatijwe muri We ku bw'Umwuka Wera wabinjije mu Mubiri wa Yesu Kirisito.

45 Mbega ukuntu ari byiza ! Imana yari ifite ahantu runaka Yahuriraga-Yahuriraga n'Aburahamu, kandi ni ho Aburahamu yaramirizaga. Mu Isezerano…

Kandi Ijambo ryasezeranywe rizasemurwa na We muri mwe. Mwabyumvise? Ijambo Yasezeranije gusohora mu minsi murimo, muzaba urwandiko rwanditswe n'Imana, rusomwa n'abantu bose. Icyo Imana yakoze muri mwe atari icyo mwishushanya, kizavuga cyane kurusha icyo mwakwishushanya. Imana yaravuze iti: "Dore ibimenyetso bizagumana n'abizera." Ni mwe muvugwa.

Yavuze kuri iki gisekuru, uko kizaba kimeze uyu munsi. Abizera bo muri iki gisekuru bagomba kwizera Ibi, ibyo Yasezeranije uyu munsi. Nkuko abantu bagombaga kwinjira mu nkuge kugira ngo barokoke, kuva muri Egiputa kugira ngo barokoke, bagomba kwinjira muri Kirisito kugira ngo bakizwe nonaha, kwinjira mu Butumwa bw'Ijambo, kuko uko Yari ejo, n'uyu munsi niko ari kandi niko azahora n'iteka.

Mwinjiramo mute? Binyuriye mu mubatizo! Uwuhe mubatizo, umubatizo w'amazi? Ku bw'Umwuka Wera! "Ku bw'Umwuka umwe, twabatijwe twese mu Mubiri umwe."

46 Kandi Ijambo Ryayo yasezeranije, ntimugomba Kurisemura. Ni We Uzarisemura bibanyuriyemo ; ni cyo mukora, ni byo Yasezeranye gukora. Itorero Rimukurikira rizasa na We kugeze ubwo abantu bazarimenya.

Mwitegereze Petero na Yohana, igihe babajijwe ikibazo ku muntu bakijije indwara ku irembo Ryiza, bavuze ko "Babonye", abo batambyi babonye ko "bari abantu b'injiji", ariko bamenye ko bagendanye na Yesu. Kubera iki ? Bakoraga ibintu na We yakoze.

Yitaga ku mirimo ya Data. Kandi uyu munsi bigomba kuba bityo.

Noneho, mwibuke, uko Yari ejo, n'uyu munsi niko Ari kandi niko azahora n'iteka ; kuko Imana ihura na mwe muri Yo, ahantu hamwe hariho ; kuko ari ho Yatoranyije gushyira Izina Rye, muri Yesu. Yesu ni Izina ry'Imana. Mwibuke, Data, Mwana, Mwuka Wera, ni inyito z'Izina "Yesu Kirisito".

47 Igihe Matayo yavuze ati: "Mugende, muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu Izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera"…

Mbega ukuntu bisobanuwe nabi uyu munsi, bavuga bati: "Mu Izina rya Data, Izina ry'Umwana, Izina ry'Umwuka Wera." Nta nubwo byanditse. Ni: "Mu Izina", mu bucye, "rya Data, n'Umwana, n'Umwuka Wera". Data ntabwo ari izina, Umwana ntabwo ari izina, Umwuka Wera ntabwo ari izina ; ni inyito. Iminsi icumi nyuma y'aho, Petero yarahagurutse aravuga ati : "Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kirisito." None yakoze ibyo atari Yamubwiye ? Yakoze ibyo yari Yamubwiye. Izina rya Data, Umwana n'Umwuka Wera, ni "Umwami Yesu Kirisito". Buri muntu wese, mu Isezerano Rishya, yabatijwe mu Izina ry'Umwami Yesu Kirisito.

48 Nta muntu n'umwe muri Bibiliya wabatijwe mu nyito za Data, Umwana, Mwuka Wera. Ibyo ntibyigeze bibaho mbere yuko binjiza inyigisho y'i Nikeya, i Roma. Byabaye itegeko ry'Itorero gatulika, kandi icyo kintu kimwe, tukibona gihamirijwe muri kategisimu. Ndarifite, ni ukuri, "Ukuri k'ukwizera kwacu", n'ibindi, ko ari imihango y'abagatulika b'abaromani. Bazababwira ko bitari muri Bibiliya ; ariko bavuga ko bafite ububasha bwo guhindura ariya Magambo, babishatse, kubera Papa. Sinemeranya nabo. Yesu Kirisito uko yari ejo n'uyu munsi niko ari kandi niko azahora n'iteka. "Kandi Yesu yaravuze ati umuntu wese uzakura Ijambo muri iyi Bibiliya, cyangwa Akongeramo Ijambo rimwe, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo." Ijambo rimwe ; atari interuro imwe, cyangwa igika, ahubwo ni Ijambo rimwe ! "Umuntu wese uzakura Ijambo rimwe…"

49 Ku itangiriro, Imana yakomereseheje ubwoko Bwayo n'Ijambo Ryayo. Ijambo rimwe, risobanuwe nabi, ryateje impfu zose, imitima yose ibabaye, imibabaro yose. Eva ntiyasuzuguye interuro; ahubwo ni Ijambo yasuzuguye. Igihe Yesu yaje, hagati mu Gitabo…Hariya, yari intangiriro y'Igitabo. Igihe Yesu yaje, hagati mu Gitabo, Yavuze iki ? "Handitswe ngo umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo n'Amagambo yose ava mu kanwa k'Imana." Ku iherezo ry'Igitabo, Ibyahishuwe, igice cya 22, umurongo wa 18, igice cya nyuma cya Bibiliya, Yesu Ubwe aravuze ati: "Nihagira umuntu ukura ku magambo y'Igitabo cy'Ubugingo, cyangwa Akongeramo ijambo rimwe, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubugingo", kuko ari umuhanuzi w'ikinyoma kandi yahaye abantu ubusobanuro bubi, kandi azabazwa amaraso yabo, ku bwo gukora ibyo.

Tugomba kugumana aho hantu ho kuramiriza, bisobanuye Yesu Kirisito Jambo, uko yari ejo n'uyu munsi niko ari kandi niko azahora n'iteka. Amina. Ni byiza. Mwibuke, nta handi ho guhura kubwo kuramya, nta handi. Ni Imana yahatoranije.

50 Hashize igihe, Yohana, mu gihe kidasanzwe hagati y'Isezerano Rishya n'irya Kera… Mutege amatwi noneho. Mukurire neza. Umunsi umwe, Yohana, ikizu gikomeye n'amababa yacyo arambuye, yagiye mu butayu aguruka. Ahagarara kuri Yorodani, umuhanuzi kizu ukomeye wahuzaga Isezerano rya Kera n'Irishya, ahamagara abantu hirya no hino. Ashyiraho umunsi wo kwihana.

Noneho abafarisayo n'abasadukayo baraza; arababwira ati:

> *"Ntimwibwire ubwanyu: 'Dufite data Aburahamu', kuko ndababwira ko, muri aya mabuye, Imana ishobora guhagurutsamo abana b'Aburahamu."*

Yoo! Mbega!

Atangiye kuvuga Ubutumwa Bwe, agira ati:

> *"Hari Uri hagati yanyu, mutazi. Sindamumenya, ariko Nzamumenya naza. Ntabwo nkwiriye gufungura udushumi tw'inkweto Ze. Ariko Azababatirisha Umwuka Wera n'Umuriro. Kandi Afite intara Ye mu kiganza cye. Asukura imbuga Ye neza, kandi Azatwika umurama mu Muriro utazima."*

51 Icyo kizu gikomeye cy'Ubutumwa cyari aho kibacyaha bikomeye. Nuko umwanda urasohoka, nako Herode, umwami w'abami w'icyo gihe, umubwiriza, wari warashatse umugore wa mwene se. Ese mushobora kwiyumvisha ko ikizu gikomeye cy'Ubutumwa cyaceceka imbere y'ibyo bintu?

Hari abavuze bati: *"Uramenye ntiwigishe ku ishakana n'itandukana ubungubu, Yohana, kuko Herode ahari."*

Ajya kubimubwira imbona nkubone ati: "Ntiwemerewe kumutunga.*" Ni ibyo!*

Yari iki? Yari cya kizu giturutse mu butayu. Ntiyari yaratojwe ku bwoba bw'umuntu cyangwa igitsure cy'idini runaka. Ariko yari yaratorejwe mu mbaraga z'Imana Ishobora byose, kugira ngo agenzura ibikwiriye. Yari azi ibiranga Mesiya.

Haleluya! Iri jambo rivuze ngo: *"Icyubahiro ni icy'Imana yacu!"* Mwitinya. Sinigeze ngirira umuntu nabi, kugeza n'ubu. Sindengereye. Nzi aho mpagaze.

Yoo, iyo mutekerejeho, icyo kizu gikomeye cyageze hariya, kiguruka, kigaturiza aho! Aravuga ati: *"Nzamumenya Ni aza."*

52 Umunsi umwe, yari ahagaze aho, abwiriza; abatambyi bari mu rundi ruhande, bavuga bati: *"Ushaka kuvuga ko hazaza igihe aho igitambo gihoraho kizakurwaho, iyi ngando ikomeye twubatse, umurimo wose twakoze, n'amadini yacu akomeye?"*

Aravuga ati: *"Hazaza igihe aho byose bizasenywa*.

- "Baravuga bati: *"Ntibishoboka. Uri umuhanuzi w'ikinyoma!*"

Hanyuma areba iruhande rwe. Aravuga ati: "Dore, Arahari! Nuko ahantu Imana yatoranyije ho kuramiriza. Dore Umwana w'Intama, Umwana w'Intama nyakuri ukuraho icyaha cyo mu isi." *Ntiyavuze ati: "Dore abametodisita baraje, dore ababatisita baraje cyangwa abagaturika."* Yaravuze ati: *"Dore haje Umwana w'Intama w'Imana ukuraho icyaha cyo mu isi."* Ubuhungiro bumwe buriho, ni muri uwo Mwana w'Intama w'Imana. Ni muri We gusa hari agakiza; si mw'itorero, mu mihango, mu bwoko, muri data, muri mama, mu muntu wera, cyangwa mu kintu icyo ari cyo cyose, ahantu hera. Ni mu Mana yera, Umwami Yesu Kirisito, aho Imana yashyize Izina Ryayo, ku Kiremwa muntu, kubw' ubucunguzi, Uwatwishyuriye ikiguzi twe abanyabyaha. Niho honyine hari agakiza. Dore Urutare nshinzweho.

53 Yohana yaramumenye. Yaravuze ati: "Sinari muzi igihe Namubonye aza, ariko hariya nigiye…" Atari mu iseminari nka se; atari nk'umutambyi wigishijwe, ahubwo ni mu butayu, aho yari ari mu iseminari ya Tewologiya y'Imana Ishobora Byose, ahategerereje Ijambo ry'Imana; atari ibyo agatsiko k'abantu bahimbye, ahubwo ni icyo Imana yari yarabivuzeho. Kandi Yohana yubuye amaso akabona Umwuka aje, yaravuze ati: *"Ndahamiriza ko ari We."* Yoo! Mbega! Dore ahantu hanyu ho kuramiriza. Dore uburuhukiro bwanyu. Dore Umwana w'Intama w'Imana ukuraho icyaha cyo mu isi. Atari mu itorero, imigenzo, n'ikindi icyo ari cyo cyose, ahubwo ni Umwana w'Intama w'Imana ukuraho icyaha cyo mu isi.

Murabona uburyo Yohana yabikoze? Ntiyavuze ati: "Ni mwebwe, abafarisayo, mufite ukuri; mwe, abasadukayo, n'abaherode." Yaravuze ati: *"Dore Umwana w'intama."* Dore ahantu. Afite Izina. Ni We. Nta rindi Zina munsi y'Ijuru!

54 Murebe icyo Yesu yavuze kuri Yohana, noneho. Umunsi umwe, Yohana yatumye abantu kureba icyo Yakoraga. Yesu yamuvuzeho ati: *"Yari uwo mucyo ukomeye urabagirana"*, kugira ngo abereke inzira itunganye bagomba kunyuramo mbere yo kuza Kwe, kuza Kwe kwa mbere. Mwumve neza. Ibyo ntibibacike. Yesu yavuze ko: *"Yohana yari wa mucyo."* Malaki 3, ntakwibeshya! Umuhanuzi ufite umucyo ukomeye urabagirana yagaragaje Yesu ko ari we Gusa, *"Umwana w'intama"*. Abandi bana b'intama bavugwaga n'abo batambyi, n'ibindi nk'ibyo, ntacyo byari bimaze. *"Umwana w'intama"* yari ahari! Umuntu ufite umucyo ukomeye urabagirana, ari we… Yesu yavugaga ko ari we uwo. Malaki 3 yaravuze ati: *"Nzatuma integuza Yanjye, izambanziriza intunganyirize inzira."* Kandi uwatumwe gutunganya inzira Yagaragaje ko ari We aho hantu. *"Ni We! Ntakwibeshya. Ni We! Ndabona ikimenyetso Kimukurikiye. Nzi ko ari We; Umucyo umanutse mu Ijuru uza kuri We."* Yari ahamirijwe ko ari We.

55 Noneho, mwene Data, ndashaka kubasaba ikintu, kugira ngo nsoze. Twavuga dutya. Muri Malaki 4, ntitwasezeranyijwe ikindi kizu, n'Inkingi y'Umuriro izakurikira, ku bwo kwereka itorero riri mu buyobe uyu munsi, ko Ari Abaheburayo 13.8, *"uko yari ari ejo, n'uyu munsi niko ari, ni nako azahora iteka"?* Ntitwasezeranyijwe undi uzava mu butayu aguruka? Amina! Ni Ukuri. Nkuko bihura na Luka 17.30, aho Umwana w'umuntu (Ikizu) Azahishurwa ku bwo kuraburizamo ahandi hantu ho kuramizwa, nk'amadini n'ibindi! Imana yitoranirije ahantu Hayo. Yohana yaravuze ati: "Nguwo!

Kandi, twasezeranyijwe ikintu kimwe uyu munsi, Malaki 4: *"Kugarura imitima y'abantu"*, bisobanuye ko Atapfuye, ko ibi bintu atari iby'ikindi gisekuru, ko umubatizo mu Izina rya Yesu Kirisito atari ibyo mu gihe cyahise, ahubwo ko ari Wa wundi ubu ngubu. Amina! Kuburizamo ahandi hantu ho kuramiriza, dore icyo ikizu cyo mu minsi ya nyuma kigomba gukora, kwerekana ko ibisigaye byose, ari ubupfapfa, ko idini, ari ubupfapfa kandi abereka na none, n'ikimenyetso kimwe Yakoraga, ko uko Yari ari ejo, n'uyu munsi niko kandi niko ari n'iteka. Haleluya!

56 Kandi, mu Byahishuwe 4.7, dufite Ibizima bine tumaze kwiga.

Icya mbere cyari, dukurikije ibyo twabonye, cyari intare. Cyari Ikizima cya mbere cyaje gukuraho gukabirizwa k'uwo munsi, Intare yo mu Muryango wa Yuda.

Nyuma Yacyo, haza ikindi Kizima. Kandi twabonye ko Ikizima cyakurikiye cyari ikimasa, itungo ryikorera imitwaro, igitambo. Mu minsi y'urusengero rw'abaromani, Itorero ryarazimye: igitambo.

Icyaje nyuma, ni umuntu, cyari Ikizima gifite ishusho y'umuntu. Kandi uwo yashushanyaga abagorozi, ubwenge bw'umuntu, tewologiya, n'ibindi nk'ibyo.

Ariko Ikizima cya nyuma cyagombaga kuguruka, Ikizima cya nyuma cyagombaga kuza, Bibiliya ivuga ko cyari ikizu kiguruka. Haleluya! Kandi umuhanuzi yavuze ko muri iyi minsi, "Umucyo uzagaragara". Yoo! *"Muri iyo minsi, Umucyo uzagaragara."*

Habayeho umunsi w'abagorozi. Habayeho umunsi wari igicucu, utakwita umunsi cyangwa ijoro. Ariko mu gihe cy'umugoroba, mu gihe cy'Ikizu…

Mu gihe cy'Ikizu, Umucyo uzagaragara,

Inzira y'Ubwiza, muzabona by'ukuri;

Ni ukunyura mu mazi ari ho Mucyo w'uyu munsi

Muhambwe mu Izina ryiza rya Yesu.

Basore na mwe basaza, mwihane ibyaha byanyu byose,

Umwuka Wera azababatiza by'ukuri;

Kuko Imicyo ya nimugoroba yaje,

Yego, ni byo bigaragaza ko Imana na Kirisito ari Umwe.

Amina! Mu gihe cy'umugoroba, Umugoroba uzagaragara, ahantu hamwe hatoranijwe n'Imana ho kuramirizwa.

57 Yo! Ubu Butumwa bwaje gukora iki? Buzakora iki? Kandi ku munsi wabwo, mu gihe cy'umugoroba, Umucyo uzagaragara, kandi (iki?) ku bwo kwacyira abana Bayo batashye mu rugo, mu Gihugu cy'isezerano nyakuri, ku kimenyetso kimwe cy'Inkingi y'Umuriro cyayoboye abana b'Isirayeli mu Butayu.

Ahantu hatoranijwe n'Imana ho kuramizwa, Yesu Kirisito, ni ho ahantu gusa. Ni ryo Zina rimwe gusa Imana ifitemo agakiza. Ni ryo Zina yahaye umuryango wo mu ijuru, mu gihe rikiri ku isi, izina rya Yesu Kirisito.

O torero, o bwoko, ncuti munyabyaha, ntimugire ikindi mwishingikirizaho uretse Yesu Kirisito. Ntimwishingikirize ku mubwiriza uwari we wese. Ntimugire undi muntu mwishingikirizaho ngo abakize. Ntimwishingikirize ku itorero runaka, cyangwa imigenzo, cyangwa idini. Mwiyegurire gusa Yesu Kirisito, kuko ari We Mucyo w'igihe.

Twunamishe imitwe yacu.

Mu gihe cy'umugoroba, Umucyo uzagaragara,

Inzira y'Ubwiza, muzabona by'ukuri;

Ni ukunyura mu mazi ari ho Mucyo w'uyu munsi

Muhambwe mu Izina ryiza rya Yesu.

Basore na mwe basaza, mwihane ibyaha byanyu byose,

Umwuka Wera azabazaho by'ukuri;

Imicyo ya nimugoroba yaje,

Yego, ni byo bigaragaza ko Imana na Kirisito ari Umwe.

58 Mwene Data, mushiki wanjye, niba mutari mwihana, niba mutari mwabatizwa mu Izina rya Yesu Kirisito, mwatera intambwe ya mbere uyu mugoroba? Mwaha Imana amahirwe yo kubacyira ahantu mushobora Kuyiramiriza? Mwibuke, hanze y'aho, nta hantu na hamwe Imana yaseranije guhura namwe no kwemera kuramya kwanyu…"

Muravuga muti: "Mwene Data Branham, ndaryama by'ukuri… Gahini nawe yarabikoze. Yatanze

amaturo y'ubwoko bwose nk'ayo Abeli yatanze, ariko ntiryari ituro ryiza. Mushobora kujya mu rusengero, mukishyura ibyacumi byanyu, mugasohoza inshingano zanyu nk'uko umukirisito agomba kubikora, ukabikorana ubunyangamugayo nkuko undi wese umugabo cyangwa umugore. Dore noneho imyaka mirongo itatu ndi hano, muri uyu murwa, mvuga ubu Butumwa bumwe. Ndi gusaza. Sinzabana namwe igihe kirekire. Ariko mwibuke, ku munsi w'Urubanza, ijwi ryanjye rirafashwe, kandi rizabaciraho iteka.

Ni ahantu hamwe gusa Imana ishyira Izina ryayo, kandi si mu rusengero, muri Yesu gusa. Ni ahantu hamwe gusa ho kuramiriza, ahantu hamwe gusa mwemerwa, ni mu Mukundwa Yesu Kirisito. *"Ntarindi Zina munsi y'ijuru, ryahawe abantu, ryo nakirizwamo"*, nta torero, nta migenzo, nta nakimwe. Yesu Kirisito!

Ni ibi bigomba kuba ubutumwa bw'igihe:*"Kugarura imitima y'abana, kuyigarura ku kwizera kwahawe abera iteka ryose."* Ese ntimushaka kumwakira uyu mugoroba?

59 Kandi mu gihe twunamishije imitwe, abashaka ko tubibuka mu masengesho, mushobora kuzamura ikiganza? Ntidushobora guhamagara abantu ku gicaniro, kuko ari benshi.

Imana ibahe umugisha. Yo, ibumuso bwanjye, ndatekereza hari abantu magana atatu. Noneho, iburyo bwanjye, mushobora kuzamura ikiganza muvuga muti: *"Ndifuza ko banyibuka"?* Ndatekereza ko iburyo bwanjye hari abantu ijana na mirongo itanu cyangwa barenga. Dufite ingando hano, ifite ahantu ho kubatiriza hanini huzuye amazi; umwungeri, umwungeri mwiza, mwene Data Orman Neville, abanyungirije, aba bantu, mubona, muhura nabo… Umunsi uwari wo wose, umugoroba uwari wo wose, ku isaha iyari yo yose, ku bashaka kubatizwa kandi bihannye, birashoboka ko mwabatizwa. Kandi nimwumvira iri tegeko, muhamirijwe, ku bw'isezerano ry'Imana, niba muri abanyakuri mu mutima wanyu, kwacyira umubatizo w'Umwuka Wera.

Hariho ahantu hamwe ho kuramiriza.Kandi, ntabwo ari mu Gando. Ni muri Kirisito. Ese ni gute binjira muri We? *"Ku bw'Umwuka umwe twese twabatijwe muri uwo Mubiri."*

Dusenge.

60 60. Mana dukunda, igihe ibi biganza byazamuwe, byerekanye icyari inyuma yabyo, mu mutima, gihamya ko bizeye ko bakeneye ubufasha Bwawe. Ndasengera buri umwe wese, Data. Kandi ngiye kuvuga Ijambo Ryawe. Waravuze uti: *"Uwumva Ijambo Ryanjye, akizera Uwantumye, aba afite Ubugingo Buhoraho kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu Bugingo."*

Data, nyuma gusa y'ibyumweru bicye ntari mu murwa, ngarutse, nabajije nti: "N'uyu nguyu se?" -Yarigendeye.

-None, byagenze bite…

-Yarigendeye.

Mana dukunda, umwe kuri umwe, duhamagawe, umwe kuri umwe, tugomba kunesha inzitizi zo kwambuka igikombe cy'igicucu cy'urupfu. Kandi twese tugomba kunyura aho ngaho, nk'abantu bapfa. Ariko, uyu mugoroba, waduhaye amahirwe Yawe, ko ni Tumwizera tukabatizwa mu Izina Rye, Uzatwinjiza. Kandi muri uwo Mubiri, Umubiri wa Kirisito, atari mu itorero; ahubwo mu Mubiri wa Kirisito, uyu Mubiri wamaze kubonwa ko ukwiriye. Ntabwo uzakenera guca mu Rubanza. Imana yasutse uburakari Bwayo kuri uwo Mubiri, kandi uwo Mubiri nta cyaha ugira; kandi, muri We, twabohowe icyaha, ku bw'Impongano Ye yerekana ko Yadupfiriye. Kandi mu imbere, tuba turi mu busabane, kuko Amaraso ya Yesu Kirisito, Umwana w'Imana, aturinda dutunganye ku cyaha cyose n'umwanda wose.

61 61. Mana Data, Ndagusaba ngo winjize buri umwe wese mu Bwami Bwawe. Bikore, o Mana. Ntihagire n'umwe uzimira, ntihagire n'umwe, umuhungu yangwa umukobwa, umugabo cyangwa umugore. Mwami, hari abantu bo mu muryango wanjye bicaye hano, uyu mugoroba, kandi batari munsi y'Amaraso. Mbega ukuntu nibuka neza amagambo ya data! Ndasaba, Mana dukunda, ngo ntihagire n'umwe uzimira. Bikore, Mwami. Ndakwizeye ubu ngubu, n'ibindimo byose.

Kora kuri bene Data, bashiki banjye, incuti zanjye ziri hano, aha hantu muri uyu mugoroba, n'abari gukurikira kuri telefoni hariya. Hariho Ibihugu bitandukanye biri kutwumva, hose, guhera ku Nkombe y'Iburasirazuba kugera ku Nkombe y'Iburengerazuba. Ndasaba, Mana dukunda, hariya kure mu butayu bwa Tucson, hariya muri Californie, iyo hejuru muri Nevada, no muri Idaho, iyo kure Iburasirazuba, na hariya i Texas; mu gihe ubu butumire butanzwe, hariho abantu bicaye mu dusengero duto, ku maradiyo, mu mazu, barimo kumva. O Mana, reka uyu mugabo cyangwa uyu mugore, uyu musore cyangwa uyu mukobwa wazimiye, Akugarukira iyi saha. Bikore nanaha. Tubigusabye mu Izina Rya Yesu, babone ubu buhungiro hakiri igihe. Mu gihe tubona inyandiko ku rukuta, isi ihinda umushyitsi, igihe cyo kubohorwa kiregereje. Igice cy'igihugu cyacu kiri kurohama, ikindi gice kirateraganywe hanyuma kiraturika kubera imitingito y'isi, nkuko Yesu yaseranije ko bizaba. Ntibibatindire, Mwami. Bamwemere nonaha, kuko Tubakuzaniye nk'ibihembo by'amateraniro, by'Ubutumwa, mu Izina rya Yesu. Amina.

62 62. Murabyizeye? Imana ibahe umugisha. Bangahe ibumoso bwanjye bizera ko ari Ukuri? Muzamure ikiganza. Bangahe iburyo bwanjye? Muzamure ikiganza.Imana ibahe umugisha. Nkurikije ibyo mbona, ni bose. Ni Ukuri, ncuti zanjye. Imana izi ko ari ukuri.

125. Noneho, igihe muri muri We, mufite uburenganzira ku kintu Yapfiriye. Kandi ni kubera ki Yapfuye?"Yakomeretse kubera ibyaha byacu, ababazwa kubera ibicumuro byacu; igihano kiduhesha amahoro cyari kuri We, kandi imibyimba Ye ni yo adukirisha." Murabyizeye? Mwizeye noneho Impongano Ye kubwo gukira?

63 63. Hari abarwayi muri twe? Bazamure ikiganza, iburyo cyangwa ibumoso. Abantu benshi bararwaye. Sinshobora guhamagaza umurongo. Murabona, ntibishoboka ko nzamuka ku kibuga. Nta buryo bwo kubikora.

Tugira amateraniro yo gusengera abarwayi ahandi hantu, mu materaniro, no mu Ngando.

Ndashaka kubasaba ikintu. Ni abizera bangahe hano? Muzamure ikiganza. Ni byiza. Ngiye kubabwira Ijambo, ari ryo Kirisito. Umurimo wa nyuma Yesu yahaye isi, nako Itorero, dore icyo Yavuze: *"Dore ibimenyetso bizagumana n'abizera: nibirambika ibiganza ku barwayi, bazakira."* Ni bangahe bazi ko ari ukuri? Mariko 16; muvuge: "Amina." [Itorero riti: "Amina."-Umwanditsi.] Ni byiza. Ndabasaba, nk'abizera, kurambika ibiganza ku muntu uri imbere yanyu.

Murambike ibiganza gusa ku muntu uri imbere yanyu, maze twese dusengerane ubu ngubu. Rambika ibiganza ku muntu uri iruhande rwawe.

64 64. Mwami, hano imbere yanjye hari agasanduka k'udutambaro, udutambaro duto; umucyecuru uryamye ahantu runaka, arembye cyane, uruhinja ruri hafi gupfa, abarwayi hirya no hino. Dusoma muri Bibiliya ko bafataga ibitambaro n'imyenda bivuye ku mubiri wa Pawulo bagakira indwara zabo; abadayimoni bakabavamo. Noneho, Mwami, tuzi ko tutari mutagatifu Pawulo, ariko tuzi ko Uhora uri Yesu, ahantu honyine ho kuramiriza Imana yateganyije. Noneho, uyu munsi, aba bantu batuye ko bafite uko kwizera, kandi ko bizeye nk'abo bantu ba kera. Wabateguriye inzira, ni ukuri !

Ndambitse ibiganza kuri utu dutambaro, nsaba ko indwara n'imibabaro bisohoka mu mibiri y'abantu turi burambikweho, mu Izina rya Yesu Kirisito.

65 65. Noneho, twigishijwe ko, igihe Isirayeli yavaga mu Egiputa, iri mu murongo utunganye, bari mu nzira ijya mu gihugu cy'isezerano. Inyanja Itukura yarabazitiye. Hanyuma Imana irebera mu Nkingi y'Umuriro, inyanja iratinya, iritandukanya, nuko iha inzira Abisirayeli baratambuka berekeza mu gihugu cy'isezerano. O Mana, rebera mu Maraso ya Yesu, uyu mugoroba, uburwayi bukurweho, kandi Satani ahunge. Hanyuma abantu binjire mu isezerano ry'ubuzima bwiza n'imbaraga, nkuko Imana yabivuze iti : *"Ikigeretseho, ndakwifuriza ubuzima bwiza."*

Noneho, nkuko Ubibona, bari… Mwami Yesu, aba bantu barambikanyeho ibiganza ; bagaragaza kwizera kwabo, kuko Wavuze uti : *"Dore ibimenyesto bizagumana n'abizera."* Basengerana mu buryo bwabo. Umwe asengera mugenzi we.

Noneho, Mwami, uku gukabiriza kwakuweho: Satani, umuriganya, nta bubasha afite bwo kuzitira umwana w'Imana. Ni ikiremwa cyaneshejwe. Yesu Kirisito, ahantu hamwe ho kuramiriza, Izina ryonyine ry'ukuri, ryamuneshej e i Kalvari. Kandi ubu duha agaciro Amaraso Ye, ayo Yanesherejemo indwara zose, ububabare bwose. Ndategeka Satani ave muri iki cyumba. Mu Izina rya Yesu Kirisito, sohoka muri aba bantu, babohoke.

66 66. Abemera gukira kwabo bashingiye ku Ijambo ryanditse, mubihamirize muhagurutse muvuga muti: *"Nemeye gukira kwanjye ubu ngubu mu Izina rya Yesu Kirisito."* Muhaguruke.

Icyubahiro ni icy'Imana. Dore. Murebe hano, ibimuga, n'abandi bose, bahagurutse.

Icyubahiro ni icy'Imana. Ni uko. Mwizere gusa. Ari hano. Mbega uku ari byiza!

Hariya, ku bateraniye hanze, binyuriye mu majwi, mugomba kureba! Ndibwira ko bose hano, nkurikije uko mbona, abenshi muri bo, barahagaze ubu ngubu. Yo, mbega ibihe byiza ! Kugaragara k'Umwami…"Ahari Ukugaragara k'Umwami, haba hari umudendezo, turabohotse." Umwuka w'Imana uratubohora.

Noneho ubwo Yadukijije, turabyizeye. Yaraducunguye ; turabyizera. Abashaka kubatizwa, aho babatiriza harateguwe. Igihe icyo ari cyo cyose, isaha iyo ari yo yose mwashaka kuza, haraba hari umuntu ubyitaho.

Noneho, ndibwira ko mbere yo gusoza, tugomba kuririmba indirimbo ya kera yo mu itorero: *"Ndamukunda, Ndamukunda, kuko Yabanje kunkunda."* Tuzamure ibiganza ku Mana hanyuma tuyiririmbe n'umutima wacu wose!

Twakifuza kuzahurira namwe hano ejo mu gitondo, saa tanu n'igice, muri iyi nyubako, ku bw'ikigwa: *Gushaka no gutandukana.* Ni byiza. Tuyiririmbane, noneho.

Ndamukunda (Noneho iri teraniro riyiririmbe! Hariya binyuriye mu nsakazamajwi muyiririmbe namwe.)

Kuko Yabanje kunkunda

Ambonera agakiza

I Kalvari Ku giti.

67 67. Ibyo byakorewe he ? Ku giti cy'i Kalvari. Mu gihe tuyiririmba, ndifuza ko musuhuza mugenzi wawe, muvuga muti : "Imana ibahe umugisha, musuhuke."

[Mwene Data… ?... (Imana iguhe umugisha, mwene Data)-Umwanditsi.]

Kuko Yabanje kunkunda

Ambonera agakiza

I Kalvari ku giti

Yo! Ese Ntimumukunda? [Itorero riti : "Amina."-Umwanditsi.] Ese si byiza ? ["Amina."] Ni We buruhukiro byanyu ? ["Amina."] Ni Urutare ku butaka butagira amazi, Ubuhungiro mu gihe cy'umuhengeri, Ubuhungiro bwonyine nzi. Niyo mpamvu :

Kwizera kwanjye kureba kuri Wowe,

Wowe, Mwana w'Intama w'I Kalvari,

Mucunguzi mwiza;

Umva isengesho ryanjye,

Kuraho gukiranirwa kwanjye,

Uhereye none mbe Uwawe!

Tuzamure ibiganza turirimba.

Kwizera kwanjye kureba kuri Wowe,

Wowe, Mwana w'Intama w'i Kalvari,

Mucunguzi mwiza;

Umva isengesho ryanjye,

Hanagura icyaha cyanjye,

Uhereye none mbe Uwawe!

Twunamishe umutwe noneho, mu gihe tuyiririmba.

Kandi ninca mu bihe bigoye by'ubuzima,

Ibyago bingose impande zose,

Umbere Umuyobozi!

Tegeka umwijima uhinduka umucyo,

Hanagura amarira yanjye y'umubabaro.

Ntiwemere ko njya kure Yawe.

Mu gihe mwunamishije umutwe, umwungeri wacu mukundwa, mwene Data Orman Neville, arasoza amateraniro.

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7